ITEKA RYA MINISITIRI N° 009/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA AMAFARANGA YO GUSHYINGURA N'AY'IMPOZAMARIRA KU MUKOZI	MINISTERIAL ORDER N° 009/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING FUNERAL EXPENSES AND DEATH ALLOWANCES FOR AN EMPLOYEE	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 009/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES DÉPENSES FUNÉRAIRES ET LES INDEMNITÉS DE DÉCÈS POUR UN TRAVAILLEUR
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije **Ingingo ya 2: Ingano y'amafaranga yo gushyingura** **Ingingo ya 3: Ingano y'amafaranga y'impozamarira** **Ingingo ya 4: Igihe amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira atangirwa** **Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka** **Ingingo ya 6: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa**	**Article One: Purpose of this Order** **Article 2: Amount of funeral expenses** **Article 3: Amount of death allowances** **Article 4: Time for disbursement of funeral expenses and death allowances** **Article 5: Repealing provision** **Article 6: Commencement**	**Article Premier: Objet du présent arrêté** **Article 2: Montant des dépenses funéraires** **Article 3: Montant des indemnités de décès** **Article 4: Temps de versement des dépenses funéraires et des indemnités de décès** **Article 5: Disposition abrogatoire** **Article 6: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI N° 009/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA AMAFARANGA YO GUSHYINGURA N'AY'IMPOZAMARIRA KU MUKOZI	**MINISTERIAL ORDER N° 009/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING FUNERAL EXPENSES AND DEATH ALLOWANCES FOR AN EMPLOYEE**	**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 009/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES DÉPENSES FUNÉRAIRES ET LES INDEMNITÉS DE DÉCÈS POUR UN TRAVAILLEUR**
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;	**The Minister of Public Service and Labour;**	**Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 33;	Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 33;	Vu la Loi nº 66/2018 du 30/08/2018 portant règlementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 33;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 01 ryo ku wa 02/07/2010 rigena igihe n'uburyo byo kwishyura amafaranga yo gushyingura umukozi n'ingano yayo;	Having reviewed Ministerial Order n° 01 of 02/07/2010 fixing the period and modalities for payment and amount to be paid for funeral indemnities;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 01 du 02/07/2010 fixant la période, les modalités et le montant des indemnités funéraires;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE:**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article Premier: Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena amafaranga atangwa ku ishyingurwa ry'umukozi n'ay'impozamarira. Rigena kandi uburyo atangwa.	This Order determines the funeral expenses and death allowances for an employee. It also determines modalities for their payment.	Le présent arrêté détermine les dépenses funéraires et les indemnités de décès pour un travailleur. Il détermine également les modalités de leur paiement.
Ingingo ya 2: Ingano y'amafaranga yo gushyingura	**Article 2: Amount of funeral expenses**	**Article 2: Montant des dépenses funéraires**
Bitabangamiye amafaranga atangwa n'ikigo gishinzwe ubwiteganyirize mu Rwanda, iyo umukozi apfuye akiri mu mirimo, umukoresha agenera umuryango we amafaranga yo kumushyingura angana nibura n'umushahara mbumbe we w'ukwezi yari agezeho.	Without prejudice to allowances paid by the institution in charge of social security in Rwanda, when the employee dies while still in service, an employer grants to the deceased employee's family funeral expenses equal to the deceased employee's monthly gross salary.	Sans préjudice des indemnités payées par l'établissement ayant la sécurité sociale au Rwanda dans ses attributions, en cas de décès d'un travailleur encore en service, l'employeur octroie à la famille du défunt, une indemnité funéraire égale au moins au dernier salaire mensuel brut du travailleur décédé.
Icyakora, amafaranga yo gushyingura agenerwa umuryango w'umukozi wapfuye ntashobora kujya munsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).	However, funeral expenses granted to the deceased employee's family cannot be less than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000).	Toutefois, les dépenses funéraires octroyées à la famille du défunt ne peuvent pas être en dessous de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW).
Ingingo ya 3: Ingano y'amafaranga y'impozamarira	**Article 3: Amount of death allowances**	**Article 3: Montant des indemnités de décès**
Iyo umukozi apfuye akiri mu mirimo, uwashyingiranywe na nyakwigendera cyangwa umuzungura we ahabwa amafaranga y'impozamarira angana	In case an employee dies while still in service, his or her spouse or his or her heir is granted death allowances equivalent to three	En cas de décès d'un travailleur encore en service, son époux ou son successeur bénéficie des indemnités de décès

n'inshuro eshatu (3) z'umushahara mbumbe nyakwigendera yahembwe bwa nyuma. Icyakora, amafaranga y'impozamarira avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ashobora guhabwa undi muntu wemejwe n'ubuyobozi bw'Umurenge nyakwigendera yari atuyemo, iyo nyakwigendera nta bazungura afite.	(3) times the last monthly gross salary of the deceased employee. However, death allowances referred to in Paragraph One of this Article may be disbursed to any other person decided by authorities of the Sector of residence of the deceased person, in case the latter does not have any successor.	équivalant à trois (3) fois le dernier salaire brut mensuel du défunt. Toutefois, des indemnités de décès prévues à l'alinéa premier du présent article peuvent être versées à toute autre personne désignée par les autorités de Secteur de résidence du défunt, si ce dernier n'a aucun successeur.
<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira atangirwa Amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira atangwa mbere y'imihango y'ishyingura. Icyakora, iyo abemerewe guhabwa amafaranga y'impozamarira bavugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka badahise baboneka cyangwa hari indi mpamvu ishobora gutuma itangwa ry'amafaranga y'impozamarira ritinda, amafaranga y'impozamarira atangwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) itangira kubarwa uhereye igihe umukozi yapfiriye.	**<u>Article 4</u>: Time for disbursement of funeral expenses and death allowances** Funeral expenses and death allowances are provided before the funeral ceremonies. However, if persons authorised to receive the death allowances referred to in Article 3 of this Order are not immediately available or if there is any other reason that may delay the disbursement of death allowances, death allowances are disbursed within thirty (30) days from the date of death of the employee.	**<u>Article 4</u>: Temps de versement des dépenses funéraires et des indemnités de décès** Les dépenses funéraires et les indemnités de décès sont versées avant les cérémonies funéraires. Toutefois, lorsque les personnes autorisées à recevoir des indemnités funéraires ne peuvent être disponibles immédiatement ou lorsqu'il existe un autre motif pouvant retarder le versement des indemnités de décès, les indemnités de décès sont versées endéans trente (30) jours à compter de la date de décès du travailleur.

Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka Iteka rya Minisitiri n° 01 ryo ku wa 02/07/2010 rigena igihe n'uburyo byo kwishyura amafaranga yo gushyingura umukozi n'ingano zose yayo n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. **Ingingo ya 6: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	**Article 5: Repealing provision** Ministerial Order n° 01 of 02/07/2010 fixing the period and modalities for payment and amount to be paid for funeral indemnities and all prior provisions contrary to this Order are repealed. **Article 6: Commencement** This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	**Article 5: Disposition abrogatoire** L'Arrêté Ministeriel n° 01 du 02/07/2010 fixant la période, les modalités et le montant des indemnités funéraires ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés. **Article 6: Entrée en vigueur** Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Kigali, ku wa 17/03/2020 **(sé)** **RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan** Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo	Kigali, on 17/03/2020 **(sé)** **RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan** Minister of Public Service and Labour	Kigali, le 17/03/2020 **(sé)** **RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan** Ministre de la Fonction Publique et du Travail
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	**Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Minister of Justice/Attorney General	**Vu et scellé du Sceau de la République:** **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Ministre de la Justice/Garde des Seaux